AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°20/00.04 YO KU WA 29/01/2019 ABUZA KWAMAMAZA IBIKORWA BY'UBUVUZI, N' IBIGANIRO BITEMEWE

Minisitiri w'Ubuzima;

Ashingiye ku Itegeko N° 10/98 ryo ku wa 28/10/1998 ryerekeye ubuhanga mu byo kuvura;

Ashingiye ku Itegeko N° 47/2012 ryo ku wa 14/01/2013 rigenga imicungire n'igenzura ry' ibiribwa n'imiti;

Ashingiye ku Itegeko N°24/2016 ryo ku wa 18/06/2016 rigenga Ikoranabuhanga mu Itangazabumenyi n'Itumanaho;

Ashingiye ku Mabwiriza N°004/R/MR-MCA/ RURA/2017 yo ku wa 30/06//2017 agenga serivisi z' isakazamakuru mu Rwanda cyane cyane mu ngingo ya 21, agace ka 4, a;

Ashingiye ku Mabwiriza Mpuzamahanga ngengamyitwarire y'ibikorwa by'Ubuvuzi;

Ashingiye ku Mabwiriza N°20/4991/DGCS/2012 yo kuwa 18 Nzeri 2012 arebana no gukora, kwamamaza ibijyanye n'umwuga w'ubuvuzi, ubuhanga mu by'imiti, ubuvuzi gakondo ndetse n'ubuvuzi bwunganira ubwa kizungu;

Mu rwego rwo kurengera no kurinda ubuzima bw'abanyarwanda muri rusange ;

Amaze kubona ko kwamamaza ibikorwa by'ubuvuzi, n'ibiganiro bitemewe bimaze gufata indi ntera mu Itangazamakuru no ku mbuga nkoranyambaga;

ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:

Ingingo ya mbere: Icyo aya amabwiriza agamije

Aya mabwiriza agamije kubuza kwamamaza imiti n' ibikorwa by'ubuvuzi mu buryo ubwo ari bwose, kimwe no gutanga ibiganiro by'ubuvuzi utari urwego rwabyemerewe na Leta.

Ingingo ya 2: Abarebwa n'aya mabwiriza

Aya mabwiriza areba abantu bose bakora ibikorwa by'Ubuvuzi, abagurisha Imiti ndetse n'Itangazamakuru bakorera mu Rwanda.

Ingingo ya 3: Kwamamaza

Umuntu wese abujijwe kwamamaza imiti n' ibikorwa by'ubuvuzi, mu buryo bw' amashusho, mu biganiro, mu bitabo, mu muhanda ukoresheje indangururamajwi, n'imbuga nkoranyambaga.

Itangazamakuru rikora mu buryo ubwo aribwo bwose ribujijwe gutangaza ibikorwa byo kwamamaza imiti n'ibikorwa by'ubuvuzi keretse mu gihe ushaka serivisi agaragaje icyangombwa cya Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano kibimwemerera.

Ingingo ya 4: Ibiganiro

Birabujijwe gutanga ibiganiro ku byerekeye ubuvuzi udahagarariye Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo, ikigo, urwego cyangwa ivuriro byemewe n'iyo Minisiteri, kandi udafite uburenganzira bwanditse bwatanzwe n'Ubuyobozi bwa Minisiteri, ikigo cyangwa ivuriro byemewe na Minisiteri.
Itangazamakuru ribujijwe kwakira no gutangaza ibiganiro by'abantu batari mu rwego rwavuzwe.

Ingingo ya 5: Inzego zishinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza

Minisiteri ifite Ubuzima mu nshingano ifatanije n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) bafite ububasha bwo gukurikirana ishyira mu bikorwa by'ibikubiye muri aya mabwiriza. .

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo zose z'amabwiriza yabanjirije aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

Ingingo ya 7: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono.

Kigali, ku wa 09-01-2019

Dr. Diane GASHUMBA
Minisitiri w'Ubuzima

MINISTERE DE LA SANTE